REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO B Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N°008 /07.02/08/CD

IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KU WA 10 KANAMA 2011

Kuri uyu wa Gatatu tariki ya **02 Kanama 2011** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa tatu n'igice za mu gitondo **(09H30)** hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel** . Inama ikaba yatangijwe isengesho. Umuyobozi w'inama yamenyesheje Abajyanama ko Umujyanama **KARASIRA Erneste**,Umujyanama **UWAMARIYA Eugénie** batari buboneke kubera impamvu z'akazi, naho Umujyanama **NTABANA Yves** nta mpamvu yamenyesheje yatumye asiba inama.

Ku murongo w'ibyigwa hari:

1. Raporo y'ibikorwa by'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama
2. Kwemeza Komite z'Ubutaka mu Mirenge
3. Kwemeza ¨ Audit Committee ¨ y'Akarere
4. Kwemeza isuzuma ryakorewe Abakozi b'Akarere umwaka wa **2010 / 2011**
5. Imishahara y'Abakozi b'Akarere n'ibigenerwa Inama Njyanama y'Akarere
6. Kwemeza Inama y'Ubutegetsi y'ibitaro bya **REMERA - RUKOMA**

Umuyobozi w'inama akaba yasabye Abajyanama ko ingingo ya mbere yasuzumwa nyuma y'izindi ngingo

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku ngingo, Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka KAMONYI bafashe ibyemezo bikurikira:

Ingingo ya 1: **Kwemeza Komite y'Ubugenzuzi y'Akarere ka KAMONYI**

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku amabwiriza ya Minisitiri w'imari **N° 004/09/10/MIN** yo ku wa **01 /10/2009,** Komite yUbugenzuzi mu Karere ka **KAMONYI** igizwe n'aba bakurikira:

- **KAYIRANGA KAYIRO Wellars:** Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere
- **HARELIMANA Prosper :** Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere
- **UWIZEYIMANA Christine :** Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere
- **TUYIZERE Oswald :** Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere
- **CYUBAHIRO Elias :** Umukozi wa **BNR**

Ingingo ya 2: Isuzuma ryakorewe Abakozi umwaka 2010/2011

- Abajyanama bamaze kungura ibitekerezo uburyo isuzumabushobozi ryakorewe Abakozi bemeza amanota bahawe nk'uko bigaragara ku mugereka w'ibi byemezo.

Ingingo ya 3 : Imishahara y'Abakozi b'Akarere n'ibigenerwa Inama Njyanama y'Akarere

- **Abajyanama bemeje ko imishahara y'Abakozi yongerwa kubera impamvu zikurikira:**

  - Mu gutegura ingengo y'imari **2011/2012** hari hateganyijwe ko Abakozi bakongezwa imishahara ku kigereranyo cya **25%**

  - Hashingiwe ku mutungo Akarere kinjiza ndetse no ku mafaranga Leta igenera Akarere yunganira mu guhemba Abakozi

- **Abajyanama bamaze kubona izi mpamvu zose Abakozi bongerewe imishahara ku buryo bukurikira:**

- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugali,Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugali bungirije,Umushoferi w'Akarere bazongererwa umushahara ku kigereranyo cya **30%**

- Abakozi bashinzwe imirimo ku Mirenge no ku Karere (In charge at Sector and District Level) bazongererwa umushahara ku kigereranyo cya **25%**

- Abagize Komite Nyobozi y'Akarere, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, Abayobozi b'amashami na serivisi ku Karere bazongererwa umushahara ku kigereranyo cya **20%**

- Umushoferi w'Akarere yagenerwa agahimbazamusyi k'ibihumbi mirongo itatu mu kwezi **(30 000)** kubera akazi kenshi akora

- Abanyamabanga Ncungamutungo b'Imirenge bazakomeza guhabwa agahimbazamusyi k'amafaranga ibihumbi makumyabiri **(20 000)** buri kwezi kubera ko bakora inshingano nyinshi.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga uko imishahara y'Abakozi b'Akarere izaba iteye .

- Abajyanama bamaze kugezwaho raporo y'Abakozi bamaze igihe cy'amezi atandatu mu kazi, Abakozi bakurikira bemejwe burundu mu kazi nk'uko bigaragara ku mugereka w'ibi byemezo.

- Abajyanama bamaze kungura ibitekerezo, Abakozi bakurikira bahinduriwe aho bakoreraga nk'uko bigaragara ku mugereka w'ibi byemezo

- Abajyanama bamaze gusuzuma imyitwarire mibi y'Abakozi bakurikira ndetse n'uburyo bagiye bihanangirizwa ariko ntibikosore, bahagaritswe burundu mu kazi kubera impamvu zikurikira:

N°	AMAZINA	AKAZI YAKORAGA	IMPAMVU YIRUKANYWE
01	**MARARA Aléxandre**	**VUP / NYARUBAKA**	- Guta akazi mu gihe cy'iminsi 15 - Guteranya abaturage n'Ubuyobozi
02	**TWAGIRAYEZU Innocent**	Umurezi mu Kigo cy'Amashuri cya **KABASARE**	- Guta akazi mu gihe cy'iminsi 15 - Ubusinzi bukabije
03	**GATETE Patrick**	Umurezi muri GS **REMERA RUKOMA**	- Ubusinzi bukabije - Gusiba no gukererwa akazi

- Ku birebana n'ibigenerwa Inama Njyanama,Abajyanama bamaze gusuzuma uburyo igiciro cya essence na mazutu cyifashe bituma amafaranga y'urugendo yariyongereye hemejwe ibi bikurikira:

  - Amafaranga y'urugendo yahabwaga buri Mujyanama bitewe n'Umurenge aturutsemo yongeweho ibihumbi bitanu **(5 000)** kuri buri wese

  - **Amafaranga y'itumanaho yongerewe ku buryo bukurikira:**

  - Umuyobozi w'Inama Njyanama **:** Yongerewe amafaranga ibihumbi icumi (**10 000)**
  - Umuyobozi Wungirije w'inama Njyanama: Yongerewe amafaranga ibihumbi bitanu **(5 000)**
  - Umunyamabanga w'Inama Njyanama: Yongerewe amafaranga ibihumbi bitanu **(5 000)**
  - Perezida wa buri Komisiyo ihoraho igize Inama Njyanama: Bongerewe amafaranga ibihumbi bitanu **(5 000)**
  - Umukozi w'Inama Njyanama : Yongerewe amafaranga ibihumbi icumi (**10 000)**
  - Igihe Umujyanama yatumiwe muri gahunda z'Akarere azajya ahabwa amafaranga y'urugendo angana n'ayo ahabwa iyo yaje mu nama za Komisiyo cyangwa inama z'Inama Njyanama.

<u>Ingingo ya 4</u>: Kwemeza Komite z'Ubutaka mu Mirenge

Abagize Inama Njyanama y'Akarere bamaze gusuzuma raporo zatanzwe n'Imirenge, bemeje Abagize Komite z'Ubutaka z'Imirenge nk'uko bigaragara ku mugereka w'ibi byemezo.

<u>Ingingo ya 5</u>: **Kwemeza Inama y'Ubutegetsi y'ibitaro bya REMERA – RUKOMA**

Abaagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo bemeje Inama y'Ubutegetsi y'ibitaro bya **REMERA - RUKOMA** ku buryo bukurikira:

- MUSEMAKWELI Elisée : Perezida (Perezida wa EPR)
- Dr NDAGIJIMANA Samuel: Umunyamabanga (Umuyobozi w'ibitaro bya **REMERA-RUKOMA**)
- UWERA Marie Alice **:** Uhagarariye Inama Njyanama
- BAHIZI Emmanuel: Umunyamabanaga Nshingwabikorwa w'Akarere
- MUTABARUKA Ephrem : Uhagarariye Abikorera
- MUBASHANKWAYA Faustin: Umukozi wa FHI
- MUTUYIMANA Chantal : Uhagarariye Ibigo Nderabuzima (Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya KARANGARA)

<u>Ingingo ya 6</u>: Raporo y'ibikorwa by'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama

Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku mirimo yakozwe n'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama bayishimye bafata ibyemezo bikurikira :

- ✓ Mu rwego rwo gukangurira abaturage ubwisungane mu kwivuza **2011/2012,** Abajyanama biyemeje gufashs mu bukangurambaga mu cyumweru cyahariwe ubwisungane mu kwivuza (tariki 16 kugeza 27 Kanama 2011). Muri urwo rwego, abajyanama biyemeje ko buri mujyanama azarihira nibura umuntu umwe utishoboye umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza.

- ✓ Kugirango hakemurwe ibibazo byagaragaye mu Kigo Nderabuzima cya **KAMONYI**, Abajyanama bemeje ko Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya **KAMONYI** Bwana **BYIRINGIRO Jackson** yimurirwa mu Kigo Nderabuzima cya **MUSAMBIRA** naho Umuforomokazi **DUSENGIMANA Ezela** yimurirwa mu Bitaro bya **REMERA - RUKOMA**

- ✓ Ku birebana n'imikorere mibi y'Umufomokazi **Sœur Marie Josée Sanchez** wakoraga muri ¨Maternité¨ mu Kigo Nderabuzima cya **KAYENZI** wahinduriwe akazi kubera imikorere mibi agahitamo gusezera mu kazi, hemejwe ko hazakorwa raporo ku mikorere ye muri icyo kigo igashyikirizwa **MINISANTE.**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga urutonde rw'Abajyanama bafashe icyemezo kuri buri ngingo.

NIKUZE Marie Chantal **KARURANGA Emmanuel**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama **Umuyobozi w'Inama Njyanama**